# 20121031-0046 Undimwana, Alphonsine

Undimwana Alphonsine

……………………………………………………………………………………………………

Undimwana Alphonsine
Secteur: Mbati
Commune: Mugina

……………………………………………………………………………………………………

Devoir

**Ukonabayeho muntambara yo muri Mata 1994**

HABYARIMANA amaze gupfa ku itariki ya ndibuka ko icyo gihe hari kuwa 3[gatatu]. Ubwo umuntu wese witwa umututsi yahise agira ubwoba. Abantu bose baratangiye bakajya barara mu bisambu ndetse na mu masaka n'ahandi bashoboraga kubona ubwihishe.

Hashize iminsi mike tubona mu Bugesera harimo gutwika n'abantu benshi barimo guhungira muri komine yacu. Mugihe bagihunga hakurya y'iwacu mu masegiteri Kiyonza na Cyeru nabo baratangiye batwika amazu y'abatutsi. Bamwe batashoboye guhunga barishwe, abandi bahise bahungira ku kiriziya.

Twebwe nabo twari duturanye twari tukiri mungo kuko muri secteur yacu byari bitarahagera.

Haciyeho nk'iminsi 3 haza abantu b'interahamwe bari bambaye ibishangara n'imicaca ku maguru na maboko. Abo bantu bayitaga abapawa bari bafite imbunda, imihoro, amacumu, imiheto n'imyambi. Bageze ku isoko ryo hafi y'iwacu

……………………………………………………………………………………………………

Barangira bararasa.

Tumaze kumva ayo masasu twahise tujya ku kiriziya natwe n'abandi twari duturanye. Twasanzeyo abandi bari bahahungiye bari barurutse muri komine ya Runda na Ntongwe. Hari n'abaturutse za Kigali no mu Bugesera. Abo bose bari bahungiye kuriyo kiriziya y'iwacu.

Twamaze kuhagera hashira nk'iminsi nk'ibiri interahamwe zikazajya ziza kudutera kugirango zitwice.

Iyo bazaga twishyiraga hamwe ubwo abagabo bagafata imihoro, amacumu, imiheto n'imyambi natwe abana tugafata amabuye tukajya kubarwanya twagira Imana tukabona baragiye.

Bwaracyaga bakongera bakaza bakaturahamo za sitirimu na gerenade. Bamwe bagapfa.

Noneho bagabya igitero cya Simusiga cyari kirimo Abarundi n'izindi interahamwe zikomeye.

………………………………………………………………………………………………………

Bari bitwajye imbunda, imihoro, ntampongano (ubuhiri), inkota, amagerenade n'ibindi.

Abo Barundi babaga ahantu hitwa INYAGAHAMA muri komine ya Ntongwe. Twagerageje kubarwanya tubona ntituri kubashobore kuko bari benshi. Kandi natwe ntantege twari dufite kuko inzara yari imaze kutwica. Ibyo twari twahunganye byari bimaze kudushirana. Twamaze kubona ko badusatiriye baturohamo amasasu na zagerenade. Bamwe bahise binjira mu kiriziya abashoboye kwiruka bariruka.

Njyewe na bagenzi banjye twari turikumwe tubonye ko bikomeye amasasu arimo kuduca hejuru turirukanka tutazi iyo tugana. Twageze muri secteur ya Nteko dutangira gutatana. Nyewe nahise mfata inzira igana iwacu. Ngeze imbere mpura n'gitero cyari kirimo umuntu wari ufite imbunda. Ubwo bahise banshorera ngo banjyane aho abandi bari bafashe. Bari ngo bazinduke bajye kutwaha muruzi.

Baranjyanye, tugeze imbere duhura na conseiller wari uwiyo seceteur ya Nteko ansabira imbabazi ngo nibandeke nigendere. Naragiye njya muri secteur yacu aho twari dutuye nsanga barahasenye habaye amatongo. Ibintu byose barabisahuye. Narangiye njya mu masaka yahantu twari duturanye nihishamo. Inzara imaze kunyica numva ngiye gupfa nagiye kururwo rugo bampa ibyo kurya n'amazi nsangayo na musaza wanjye ariho yihishe. Barakomeje baraduhisha bakazajya baduha nibyo kurya.

Ubwo njyewe nahihishe minsi mike mama nawe yari akiriho. Yomvishe ko ndiho aza kunjyana ngo twihishanye aho yari ari.

Twajyanye aho yari yihishe nsangayo na mukuru wanjye. Urwo rugo bari bihishemo twarahageze bavuga ko turi benshi batashobora kuduhisha banshakira ahandi nihisha. Naharaye rimwe bukeye njya kwamukuru wanjye wari warashatse mu

………………………………………………………………………………………………………

Bahutu, naho naharaye rimwe kuko byari bimesenabi naho hahoraga haza ibitero bishaka kumujyana. Nabo bahise banshakira aho nihisha kurugo rwari hafi yaho.

Aho nahabaye igihe kirekire kugeza ubwo bahunze bansiga munzu. Nagize ubwoba inzu nyivamo ndazamuka njya aho mukuru wanjye yari ari turagumya tuhishanya kugeza ubwo Inkotanyi zihagereye.

**Uko abantu biwacu bapfuye**

Papa wanjye yitwaga SAKINDI Léonard, we ntabwo namenye urupfu rwe neza. Ariko nakomeje kubaririza bambwira ko yaba yaragiye kwihisha ahantu, maze baramubonye bahita bamwica bamujugunya muri wese.

Mama we yakomeje kwihisha ariko biba ibyubusa dore ko bamwishe mu mpera z'ukwezi kwagatanu

…………………………………………………………………………………………………

Inkotanyi zenda kumugeraho ngo zimutabare bamwishe. Ari kuwagatanu bukeye kuwa gatandatu Inkotanyi ziba zahageze.

Igitero cyamukuye ahantu yari yihishe. Imyenda bari barayimumazeho asigaranya akajipo n'agapira baramuzamukanya bagenda ba mukubita ngo nababwire ukuntu yajyaga i Kinihira ngo n'ukuntu yatangaga umusanzu w'inkotanyi.

Bamugejeje ku kigo cy'amashuli kiri hafi y'iwacu hari igisarane kirekire bajugunyamo abantu nuko baramufata bamukubita imipiri baramwica barangiye bakimujugunyamo.

KIWANUKA Alphonse we yarihishe intambara igeze hagati abona ari  ntamahereza ava aho yari yihishe ajya mu Matango y'iwacu. Aragenda y'icaramo interahamwe zaraje zimukuramo zimujyana ku isoko ahantu hari icyobo batangamo abantu. Zumujejeyo ziramufata zimukubita ubuhiri zimujugunamo

…………………………………………………………………………………………………

akiri muzima.  Barangije bamunagaho urubuye runini arapfa.

UWANYIRIGIRA Marie we igitero cyamuvumbuye aho yari yihishe kira mufata kimujyana nawe  ku isoko ahantu bazugunyaga abantu.  Yari afite n'umwana barabanza bamujugunyamo ari muzima barangiye nawe baramufata bamutera inkota mugatuza arapfa nawe bamujugunya muricyo cyobo.

MUKABAYOJE Sipéciose we baramutemaguriye kikiliziya.

MANYIFIKA Marie Jeanne: We bamutemaguriye ki kiliziya ariko ntiyapfa ajya kwihisha ahantu bamushakira imiti bakajya bamushiriraho ibikomere birakira yakomeje kwihishahisha bigezaho nawe bamuvumbura aho yari yihishe mu Rubingo yari yihishanye n'umugabo twari duturanye witwaga RUTAYISIRE. Barabajyanye bagenda babakubita

…………………………………………………………………………………………………

Babajyana kucyobo cyari munsi y'ivuriro barababafata barabatema babajugunyamo.

Ubundi ibyo navuga ni byinshi ariko ndekeyaho.

Murakoze.